REPUBLIQUE Y'URWANDA.
PREFECTURE YA SHANGUGU.
SERVICE Y'UBUHINZI

IMPAMVU:
Itera rya Kawa
zidakwiye guterwa
zitwa NYIRANYONI.

SHANGUGU
9028

Shangugu, le 25/janvier/1962.

N°.194/Agri/Kawa.

Bimenyeshejwe Bwana Ministre w'Ubuhinzi
i KIGALI.
Bwana Agronome wa Préfecture i SHANGUGU.
Binyujijwe kuli
Bwana Préfet MUNYANEZA A. i SHANGUGU.

Kuli ba Bwana Bourgmestre ba Préfecture
ya Shangugu BOSE.
Kuli Ba Bwana Agronomes ba Secteurs (4).

Ba Bwana,
Ndabaramutsa,
Ndabamenyesha ko itera rya Kawa bita Nyiranyoni ryabujijwe. Utwo dugemwe baturandura aho twimejeje munsi y'ibiti aho imbuto zahungukiye zikamera kimwe n'ibiti bindi byimeza.

Iyo umuntu ashaka gutera kawa akwiye kubivuga noneho Bmutegeka wa Commune akandika abazishaka bose bagatanga iyo liste batibagiwe umubare w'ibiti bashaka byose hamwe kuzatera, bakabiha Bwana Agronome wa Secteur nawe akabiha Agronome wa Préfecture, uwo lero agashaka imbuto zatoranijwe zageragejwe n'ababigenewe babahanga mu by'igenzura ry'ibihingwa ba INEAC. Ahasigaye mukazagirwa inama uko mukwiye gukora kugeza mushyikiriye imbuto mwifuza.

Mureke IGITEKEREZO ngo na za Nyiranyoni zirera aho mwitegereje umubare w'imyaka zera zigacika? Aho mwitegereje ukozisa nyuma y'imyaka 4 gusa? Niba mutabigize murabigire murebe. Zirera koko ndetse cyane imyaka 2 cyangwa 3 nyuma zigacika.

Ndasaba abahinzi ba kawa kudakomeza kubivuga kuko bèrekana ko batitegereje kandi bakisekesha iyo batitondeye kugerageza kumenya igituma babuzwa gutera kawa zidakwiye.

B'Agronomes ba za Secteurs bagomba kumvisha abahinzi ba kawa impamvu ituma kizira gutera kawa zitwa NYIRANYONI; bakabibaganirira mu materaniro Abategetsi ba Communes bateguye kandi bakemera ko abahinzi bababaza icyo batumva cyose mu byerekeye ubuhinzi; ibyo bashoboye bakabibasobanurira ibyo badashoboye bakabitwandikira, twabona umwanya tukazaza kubireba tutawubona tukabandikira uko bikwiye kugenda.

Ndasaba Abategetsi ba Communes (Bourgmestres) gufasha cyane bàAgronomes na ba Moniteurs kumvikana n'Abaturage kubyerekeye Ubuhinzi, mugihe mwagize inama mujye mutumira Agronome aze kugira ngo agire icyo abaturage bamubaza mubyo batumva mu bisubizo bye mugomba kumafasha kuko har'ubgo birushya kubera kamere y'abadashakà kumva neza cyangwa bigiza nkana gusa ngo baruhanye; ubgo buryo ntibukwiye byerekana ubgangwe.

Kubyo navuze haruguru kuli kawa, ndabibutsa ko mudakwiye kureka izo ggemwe ngo nizimara amezi menshi mutangire kubgira abaturagè kuzirandura ibyo sibyo mugomba kubabuza kuzitera; lero kugira ngo mubabuze kuzitera n'uko mwamenya ko ziri mu milima yabo. Aho muyigera mo?

Niba muyigera nimujye mubumvisha kuzirandura zikiri mu milima ya kawa nibanga mumenye ko bashaka kuzazitera mubumvishe ko ali bibi. Nibanga mubibwire Bourgmestre abafashe kubibumvisha.

Mwumvise ibyo Bwana Ministre w'Ubuhinzi yababgiye igihe aciye ino ubuheruka, n'amategeko yatanze nayabehereereje mu Kinyarwanda; nimuyakurikize.

Ndabibutsa ko mutagomba kukangisha ibihano ahubgo mukwiye kwigisha abaturage neza mukabumvisha. Mukareka bakababaza mukuvikana byose bigatunganą. Bizaterwa nuko mwumvikana nà ba Bourgmestres.

L'Agronome-Adjoint à la Préfecture,
RWANZEGUSHIRA Aloys